REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KW'UKWAKIRA 2018

**10 Ugushyingo 2018**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,6% mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2018 ugereranyije n'Ukwakira 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 1,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,6% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,7%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2018 n'Ukwakira 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,3%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ibiciro byagabanutseho 0,6%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,5%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2018, ibiciro mu byaro byagabanutseho 5,4% ugereranyije n'Ukwakira 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -2,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 5,4% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 16,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ibiciro byagabanutseho 1,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,3%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 3,4% ugereranyije n'Ukwakira 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -1,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 3,4% mu kwezi kw'Ukwakira 2018 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 14,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) ibiciro byagabanutseho 1,0%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,0%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2017 kugeza m'Ukwakira 2018.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2017 kugeza m'Ukwakira 2018**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2017 | | | 2018 | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 3,6 | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 6,3 | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 5,3 | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,2 | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,5 | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 | -1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,4 | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw